

	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbutu mu Rwanda	Kode y'innyandiko: 41KR1681177v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIYAMBERE : KAROTI		Innyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'innyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI / MINAGRI
------------------------------	------------------------------------

Itariki innyandiko yasohokweye	2002
---------------------------------------	------

Umubare w'amapagi	2
--------------------------	---



IFISHI YA TEKINIKI ZO GUHINGA KIYAMBERE: KAROTI

- 1 **Umuryango w'ibihingwa zibarirwamo** : karoti yitwa kandi « **DAUCUS CAROTA** » ikaba mu muryango wa « **Ombelliféraceae** » nawo uri mu muryango mugari wa « **dicotyledones** »
2. **Aho zikunda** : mu Rwanda hose, ariko igishobora kubuza umusaruro mwiza ni ubutaka waziteyemo
3. **Ubutaka** : karoti ishaka ubutaka bworoshye, buhinze bageza isuka hasi \pm cm 30, butarimo amabuye, ibisigazwa by'ibihingwa cyangwa ifumbire itaboze neza. Ubutaka bukarishye, ubwo mu gishanga butabonye ishwagara si bwiza kuko imizi ikura nabi
4. **Amoko** : kugeza ubu mu Rwanda, hamamazwa : **Nantaise Tip Top**
5. **Ifumbire** : karoti n'igihingwa kidasaba azoti nyinshi, ahubwo ikenera cyane Potasi. Iyo batera karoti rero ni ngombwa kunyanyagiza ivu mu murongo bateramo. Si ngombwa ifumbire y'ibishanguka nyinshi. Ifumbire y'ibishanguka ishyirwa ahazahingwa karoti ukwezi 1 mbere yo kuzitera. Hajyamo Kg 200/ari 1 kandi iboze neza
6. **Igihe cy'itera** : kubera ko karoti isaba amazi menshi, ni ngombwa ku zitera mu gihe cy'imvura cyangwa se aho ushobora kuzivomerera.
7. **Gutera karoti** :
 - Baherako batera imbuto mu murima. Si ngombwa kuzihumbika. Ariko kugirango zihane umwanya bazitera zivanze n'umucanga wumutse cyane.
 - Basiga cm 30 hagati y'imirongo. Bacukura imirongo kugeza kuri cm 1 cyangwa 2 z'ibujyakuzimu. Mbere yo gutera imbuto babanza kuvomera mu mirongo. Iyo bamaze gutera no gutwikiriza imbuto agataka gake batsindagira, barongerera bakavomera maze bakahasasiza ibyatsi.
 - Mu murima wa ari 1 bakenera g 40-50 z'imbuto. Bavomerera buri gitondo na buri kigoroza iyo imbuto zitaramera.
 - Imbuto zitangira kumera nyuma y'iminsi 7 kugeza 10.
8. **Gukorera karoti** : imirimo ya ngombwa ni iyi :
 - *Kwicira bwa mbere* : iyo zifite amababi 3 cyangwa 4, bagasiga cm 4 cyangwa 5 hagati y'ingemwe
 - *Kwicira bwa kabiri* : nyuma y'iminsi 10, basiga cm 8-10 hagati y'ingemwe
 - *Kubagara* : kubagara buri gihe bakuramo ibyatsi bibi
 - *Gusasira* : basasira hagati y'imirongo
 - *Gufumbiza imvaruganda* : si ngombwa cyane, ariko kugirango zibyibuhe cyane washyiraho agafumbire gake karimo fosifori, potasi na azoti.
 - *Gusukira* : basukira zimaze amezi 2 zitewe.
 - *Kuvomera* : mu mpeshyi, bakavomera buri munsu hagati y'imirongo bakirinda gutosa amababi
9. **Indwara n'ibyonnyi** :
 - a) **Kubabuka kw'amababi** :
 - Ikiyitera* : agahumyo kitwa **Alternaria danci**
 - Aho ifata* : amababi
 - Ibimenyetso* : amababi ahindura ibara agasa n'ikigina kivanze n'umukara
 - Kuyirwanya* :
 - kwirinda kuvomerera nijoro no gutosa amababi

- iyo ndwara ikaze, gutera Dithane M45 : g 10/ L 10 z'amazi/ari 1, cyangwa Cupro-antracol : Kg 2/ha 1, cyangwa Milraz 76 WP : Kg 2/ha 1

b) Imvura :

Ikiyitera : agahumyo kitwa **Erysiphe heraclei**

Aho ifata : amababi

Ibimenyetso : ku mababi hejuru hazaho amabara y'umuhondo, nyuma agahinduka ikigina. Mushi y'amababi ho hazaho utwoya tw'umweru. Amababi aruma cyangwa akabura iyo ari igihe cy'imvura

Kuyirwanya :

- gusimburanya ibihingwa
- gukuraho amababi yafashwe bakayatwika
- gutera umuti : Dithane cyangwa Cupro-antracol cyangwa Milraz (reba ku ndwara ibabura amababi)

c) Inzoka z'ibimera :

Ikiyitera : inzoka zitabonwa n'amaso bita « **Nématodes** »

Aho ifata : ifata ku bijumba bya karoti

Ibimenyetso : zituma imizi (karoti) ishibukaho utuzi twinshi duto turiho uduheri

Uko bazirwanya :

- guhinga umurima mu mpeshyi ubutaka bukota
- gutinda kongera gusubiza karoti muri uwo murima igihe kirekire

10. Iminsi zerera : karoti zisarurwa zimaze amezi atatu zitewe

11. Umurumbuko : Kg 200 kugeza kuri Kg 400 kuri ari 1

12. Guhunika : iyo basaruye karoti nyinshi ntibashobore kuzigurisha uwo mwanya, bashobora kuzibika amezi 2 ku buryo bukurikira :

- gucukura uwobo ufite m 1 y'umurambararo na cm 40 z'ibujyakuzimu
- gusasa ibyatsi byumye mu mwobo hasi
- gushinga igiti mu mwobo hagati no kukizengurutsa ibyatsi byumye
- kuzengurutsa karoti icyo giti, imitwe yerekera ku nkombe z'umwobo
- gutwikiriza ibyatsi, bakarenzaho itaka